

AMABWIRIZA YA MINISITIRI  
N°002//2012/MINIRENA YO KUWA  
28/03/2012 AGENA UBURYO  
BW'IYUBAHIRIZWA  
RY'UBUZIRANENGE BW'AMABUYE  
Y'AGACIRO MU KARERE

MINISTERIAL REGULATIONS  
N°002//2012/MINIRENA OF 28/03/2012  
ON THE REGIONAL CERTIFICATION  
MECHANISM FOR MINERALS

INSTRUCTIONS MINISTERIELLES  
N°002//2012/MINIRENA DU 28/03/2012  
SUR LE MECANISME DE  
CERTIFICATION REGIONAL DES  
MINERAIS

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** Aho uburyo bwa ICGLR ku iyubahirizwa ry'ubuziranenge mu Karere (RCM) bukoreshwa - Igitabo cy'amabwiriza ku Buziranenge

**Article One:** Application of ICGLR Regional Certification Mechanism (RCM) -Certification Manual

**Article premier:** Champs d'application du Mécanisme Régionale de Certification (MRC) de la CIRGL et du manuel de certification

**Ingingo ya 2:** Uruhushya rwo kohereza no gutumiza mu mahanga amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza

**Article 2:** Permission to Import and Export Designated Minerals

**Article 2:** Autorisation d'importation et d'exportation des minerais concernés

**Ingingo ya 3:** Igenzura y'ibrombe by'amabuye y'agaciro

**Article 3:** Mine Site Inspections

**Article 3:** Inspections des sites miniers

**Ingingo ya 4:** Inkomoko n'itwarwa ry'amabuye y'agaciro

**Article 4:** Traceability and Transport of Minerals

**Article 4:** Traçabilité et transport des minerais

**Ingingo ya 5:** Uburyo bwo kohereza mu mahanga n'itangwa ry'ubuziranenge bwa ICGLR

**Article 5:** Export and ICGLR Certification Procedures

**Article 5:** Procédures d'exportation et de certification de la CIRGL

**Ingingo ya 6:** Ibyemezo bya ICGLR

**Article 6:** ICGLR Certificates

**Article 6:** Les certificats CIRGL

**Ingingo 7:** Kugenzura umutungo w'abohereza amabuye mu mahanga bikoze n'abagenzuzi bigenga

**Article 7:** Third Party Audits of Exporters

**Article 7:** Audits des exportateurs par des auditeurs indépendants

<b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Amakurushingiro n'ikurikiranwa ry'amabuye y'agaciro yo mu karere	<b><u>Article 8:</u></b> Databases and Regional Mineral Tracking	<b><u>Article 8:</u></b> Bases de données et de suivi régional des minerais
<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Umugenzuzi wigenga wa ICGLR w'uruherekane rw'amabuye y'agaciro	<b><u>Article 9:</u></b> ICGLR Independent Mineral Chain Auditor	<b><u>Article 9:</u></b> Auditeur Indépendant de la Chaîne des Minerais de la CIRGL
<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Kwemererwa kugura no gucuruza amabuye y'agaciro	<b><u>Article 10:</u></b> Permission to buy and to sell minerals	<b><u>Article 10:</u></b> L'Autorisation d'achat et de vente des minerais
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Gufungura ahacururizwa amabuye y'agaciro	<b><u>Article 11:</u></b> Opening a mineral trading center	<b><u>Article 11:</u></b> Ouverture du comptoir d'achat et vente des minerais
<b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Inyemezabwishyu	<b><u>Article 12:</u></b> Payment voucher	<b><u>Article 12:</u></b> Justificatif de paiement
<b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Ahacururizwa amabuye y'agaciro	<b><u>Article 13:</u></b> Mineral trading centers	<b><u>Article 13:</u></b> Comptoirs d'achat et vente des minerais
<b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Raporo y'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro	<b><u>Article 14:</u></b> Mineral trading report	<b><u>Article 14:</u></b> Rapport sur le commerce des minerais
<b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Amabuye y'agaciro yafatiwe muri forode	<b><u>Article 15:</u></b> Fraudulent minerals	<b><u>Article 15:</u></b> Minerais en fraude
<b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Ibihano byo kutubahiriza aya mabwiriza	<b><u>Article 16:</u></b> Sanctions for breaking these regulations	<b><u>Article 16:</u></b> Sanctions en cas de violation des présentes Instructions
<b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza	<b><u>Article 17:</u></b> Repealing provision	<b><u>Article 17:</u></b> Disposition abrogatoire
<b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa	<b><u>Article 18:</u></b> Commencement	<b><u>Article 18:</u></b> Entrée en vigueur

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI  
N°002/2012/MINIRENA YO KUWA  
28/03/2012 AGENA UBURYO  
BW'IYUBAHIRIZWA  
RY'UBUZIRANENGE BW'AMABUYE  
Y'AGACIRO MU KARERE**

**MINISTERIAL REGULATIONS  
N°002/2012/MINIRENA OF 28/03/2012 ON  
THE REGIONAL CERTIFICATION  
MECHANISM FOR MINERALS**

**INSTRUCTIONS MINISTERIELLES  
N°002//2012/MINIRENA DU 28/03/2012  
SUR LE MECANISME DE  
CERTIFICATION REGIONAL DES  
MINERAIS**

**Minisitiri w'Umutungo Kamere,**

Hashingiwe ku Masezerano ku Mutekano, Umutuzo n'Iterambere mu Karere k'Ibiyaga Bigari, yashyizweho umukono i Nayirobi ku wa 15/12/2006 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 44/01 ryo ku wa 15/11/2007;

Hashingiwe ku Itegeko n° 37/2008 ryo ku wa 11/05/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri;

Asubiye ku mabwiriza ya Minisitiri n° 001/MINIFOM/2011 yo kuwa 10 werurwe 2011 ku kurwanya ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro butubahirije amategeko;

Hashingiwe ku bushake bw' ishyirwaho ry'Uburyo bw'Iyubahirizwa ry'Ubuziranenge mu bucukuzi, ikurikirana n'igenzurwa ry'umutungo kamere mu karere k'ibiyaga bigari;

Hashingiwe ku masezerano ya Lusaka yo ku

**The Minister of Natural Resources,**

Pursuant to the PACT on Security, Stability and Development in the Great Lakes Region, signed in Nairobi on 15/12/2006 as ratified by the Presidential Order n° 44/01 of 15/11/2007;

Pursuant to Law n° 37/2008 of 11/08/2008 on mining and quarry exploitation;

Having reviewed the Ministerial Instructions n° 001/MINIFOM/2011 dated 10<sup>th</sup> March 2011 on fighting smuggling in mineral trading;

Pursuant to the commitment to put in place a regional certification mechanism for the exploitation, monitoring and verification of natural resources within the Great Lakes Region”;

Pursuant to the Lusaka Declaration of

**Le Ministre des Ressources Naturelles,**

Vu le Pacte sur la Sécurité, la Stabilité et le Développement dans la Région des Grands Lacs, signé à Nairobi le 15/12/2006, tel que ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 44/01 du 15/11/2007;

Vu la Loi n° 37/2008 de la 11/08/2008 portant exploitation des mines et carrières;

Revu l'Instruction Ministérielle n° 001/MINIFOM/2011 du 10 mars 2011 sur la lutte contre la fraude dans le commerce de minerais;

Conformément à l'engagement de mettre en place un mécanisme régional de certification de l'exploitation, de contrôle et de vérification des ressources naturelles dans la région des Grands Lacs;

Vu la Déclaration de Lusaka du 15 Décembre

wa 15/12/2010 ashiraho ingamba 6 z'Inama Mpuzamahanga ku Karere k'Ibiyaga Bigali (ICGLR) zo kurwanya ikoresha ry'umutungo kamere ritubahirije amategeko (RINR): Uburyo bw'Iyubahirizwa ry'Ubuziranenge mu Karere; Guhuza n'Amategeko Igihugu Kigenderaho; Amakurushingiro ku karere ku nzira z'amabuye y'agaciro; Ivugurura ry'Urwego rw'Abacukuzi Bato ku iyubahiriza ry'amategeko ; Guteza Imbere Ubushake bwo Gukorera mu Mucyo ku Nganda Zicukura (EITI); Gushyiraho Uburyo bwo Gutangaza Amakuru ku icukurwa n'icuruzwa ry'amabuye y'agaciro ritubahirije amategeko;

Hitawe ku kibazo gihangayikishije isi yose kirebana n'amabuye y'agaciro aturuka mu bice birimo amakimbirane yiswe "amabuye y'agaciro yo mu makimbirane" yo mu Karere k'Ibiyaga Bigali ndetse no ku ngaruka zishoboka zo kutemerwa ku masoko mpuzamahanga kw'amabuye y'agaciro yo mu Rwanda bitewe n'amategeko y'abanyamerika ku mabuye y'agaciro aturuka mu bice birimo amakimbirane yiswe "Dodd-Frank Wall Street Reform and Consumer Protection Act";

Hashingiwe kandi ku kamaro k'urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu Rwanda n'uruhare rwarwo mu gutanga akazi

December 15, 2010, of the Six Tools of Regional Initiative against the Illegal Exploitation of Natural Resources (RINR) of the International Conference on the Great Lakes Region (ICGLR) to curb illegal exploitation of natural resources: a Regional Certification Mechanism; Harmonization of National Legislation; a Regional Database on Mineral Flows; Formalization of the Artisanal Mining Sector; Promotion of the Extractive industries Transparency Initiative (EITI); Whistle Blowing Mechanism;

Recognizing the international concern regarding 'conflict minerals' from the Great Lakes Region, and the potential impact on international market access for Rwandan minerals posed by the conflict mineral provisions of the United States Dodd-Frank Wall Street Reform and Consumer Protection Act;

Considering the importance of the mining sector in Rwanda, and its contribution to employment and economic development;

2010, des Six Mécanismes de l'initiative régionale contre l'exploitation illégale des ressources naturelles de la Conférence Internationale sur la Région des Grands Lacs (CIRGL) pour freiner l'exploitation illégale des ressources naturelles: un Mécanisme de Certification Régional; d'harmonisation des législations nationales; une base de données régionale sur les flux de minerais; la formalisation du secteur minier artisanal; la promotion de l'Initiative pour la Transparence dans les Industries Extractives (ITIE); le Mécanisme de dénonciation;

Conscient de l'inquiétude internationale sur les «minerais de conflit» dans la Région des Grands Lacs, et l'impact potentiel sur l'accès des minerais rwandais au marché international posés par les dispositions des minerais de conflit dans la loi des Etats-Unis Dodd-Frank sur la réforme de Wall Street et la protection des consommateurs.

Considérant l'importance du secteur minier au Rwanda et sa contribution à l'emploi et au développement économique;

n'iterambere ry'ubukungu;

**Atanze amabwiriza akurikira:**

**Ingingo ya mbere: Aho Uburyo bwa ICGLR ku iyubahirizwa ry'ubuziranenge mu Karere (RCM) bukoreshwa - Igitabo cy'amabwiriza ku Buziranenge**

Amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza muri iki gihe: gasegereti, wolufuramu, koluta na zahabu agomba gucururwa, gucuruzwa, koherezwa mu mahanga no kwinjira mu gihugu ari uko yubahirije amahame shingiro yose n'uburyo yubahirizwa nk'uko yashyizweho n'Inama Mpuzamahanga mu Karere k'Ibiyaga Bigali (ICGLR) mu Buryo bwayo kw'Iyubahirizwa ry'Ubuziranenge mu Karere (RCM) – Igitabo cy'amabwiriza ya ICGLR ku Buziranenge.

**Ingingo ya 2: Uruhushya rwo kohereza no gutumiza mu mahanga amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza**

Guhera ku wa 15/12/2012, nta muntu wemerewe kohereza mu mahanga amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza keretse yaragenzuwe n'umukozi w'urwego rubifitiye ububasha agatanga icyemezo cy'ubuziranenge cya ICGLR ku mabuye agomba koherezwa. Na none nta muntu n'umwe wemerewe kwinjira mu gihugu kiri

**Gives the following instructions:**

**Article One: Application of ICGLR Regional Certification Mechanism (RCM) - Certification Manual**

Designated Minerals currently cassiterite, wolframite, coltan (columbite-tantalite), and gold shall be mined, traded, exported and imported in full conformity with the standards and procedures defined in the International Conference on the Great Lakes Region (ICGLR) Regional Certification Mechanism (RCM). — Certification Manual (henceforth “ICGLR Certification Manual”).

**Article 2: Permission to Import and Export Designated Minerals**

Beginning December 15, 2012, no one is allowed to export Designated Minerals from Rwanda unless a duly authorized government agent has inspected the mineral shipment and issued an ICGLR Certificate covering that mineral shipment. Also, no one is allowed to import Designated Minerals from another Member State of the ICGLR into Rwanda

**Emet les instructions suivantes:**

**Article premier: Champs d'application du Mécanisme Régionale de Certification (MRC) de la CIRGL et du manuel de certification**

Les Minerais actuellement concernés : la Cassitérite, la Wolframite, le Coltan (Niobo-Tantalite), et l'Or doivent être extraits, achetés, vendus, exportés et importés en pleine conformité avec les normes et procédures définies par le Mécanisme Régional de Certification (MRC) de la Conférence Internationale sur la Région des Grands Lacs (CIRGL). – dans Manuel de certification (ci-après «Manuel de Certification de la CIRGL»).

**Article 2: Autorisation d'importation et d'exportation des minerais concernés**

À partir du 15 Décembre 2012, personne n'est autorisé à exporter des minerais désignés sauf si un agent du gouvernement dûment autorisé a inspecté l'expédition des minerais et a délivré un certificat de la CIRGL couvrant l'expédition des minerais. Aussi, personne n'est autorisé à importer des minerais désignés à partir d'un autre État membre de

muri ICGLR amabuye y'agaciro yavuzwe haruguru keretse ayo mabuye aherekewe n'icyemezo cy'ubuziranenge cya ICGLR cyatanzwe n'igihugu kiri muri ICGLR.

Itariki yo gutangiriraho ishobora kwigizwa inyuma ya 15/12/2012 iyo igihugu kiri muri ICGLR gitanzwe ibisobanuro mu nyandiko ku Bunyamabanga bwa ICGLR. Kugeza ku wa 15/12/2012 amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza ashobora koherezwa mu mahanga, kwinjizwa mu gihugu afite cyangwa adafite icyangombwa cy'ubuziranenge bwa ICGLR.

Amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza ashobora gutumizwa mu gihugu kiri muri ICGLR nta cyemezo cya ICGLR afite, mu gihe igihugu aturutsemo kitaratangira gutanga ibyemezo bya ICGLR kandi kikaba cyaratanze ibisobanuro mu nyandiko ku bunyamabanga bwa ICGLR nk'uko byasobanuwe haruguru. Muri icyo gihe ayo mabuye agomba guherekezwa n'impapuro zigaragaza uburyo yakurikiranwe nk'uko biteganywa n'amahame shingiro ya ICGLR. Ibi birareba n' amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza yatumiye mu gihugu kitari muri ICGLR. Bityo rero, ayo mabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza yatumiye hanze y'igihugu agomba koherezwa mu mahanga adafite icyemezo cya ICGLR. Bene ayo mabuye ntagomba kuvangwa n'amabuye

unless those minerals are accompanied by an ICGLR Certificate issued by that Member State.

The starting date can be extended beyond December 15, 2012, provided the Member State provides a written justification to the ICGLR Secretariat. Up to December 15, 2012, Designated Minerals may be imported or exported either with, or without, an ICGLR Certificate.

Designated Minerals may be imported from an ICGLR Member State into Rwanda without an ICGLR Certificate, if that Member State has not started issuing ICGLR certificates and has provided written justification to the ICGLR Secretariat as defined above. In this case Designated Minerals still have to be accompanied by a chain of custody documentation meeting the ICGLR chain of custody standards. The same applies to Designated Mineral imports from non-ICGLR Member States. Thus imported Designated Mineral shipments have to be exported without an ICGLR certificate. These Designated Mineral shipments shall not be physically mixed with Designated Minerals eligible for or carrying an ICGLR certificate.

la CIRGL à moins que ces minerais soient accompagnés d'un certificat émis par cet État membre de la CIRGL.

La date de prise d'effet peut être prolongée au-delà du 15 décembre 2012, si l'État membre fournit une justification écrite au la Secrétariat de la CIRGL. Jusqu'au 15 Décembre 2012, les minerais concernés peuvent être importés ou exportés, qu'ils soient avec ou sans certificat de la CIRGL.

Les minerais concernés peuvent être importés d'un État membre sans certificat de la CIRGL, si cet État membre n'a pas encore commencé à délivrer des certificats de la CIRGL et a soumis une justification écrite au secrétariat de la CIRGL comme définis ci-haut. Dans ce cas, les minerais concernés doivent être accompagnés par la documentation adéquate de la chaîne de possession selon les normes de la CIRGL. C'est le même cas pour l'importation des minerais désignés venant d'un pays qui n'est pas membre de la CIRGL. Ainsi les envois des minerais concernés importés seraient exportés sans certificat de la CIRGL. Ces envois de minerais concernés ne doivent pas être physiquement mélangés avec des minerais concernés éligibles pour ou portant

y'agaciro ateganyijwe guhabwa cyangwa afite icyemezo cya ICGLR.

Amabuye y'agaciro yose arebwa n'aya mabwiriza yoherezwa mu mahanga agomba kugira icyemezo cy'aho aturuka. Amabuye y'agaciro yinjijwe mu Rwanda aturutse mu kindi gihugu hanyuma akoherezwa mu mahanga yitwa ko yongeye koherezwa mu mahanga.

**Ingingo ya 3: Igenzura y'ibrombe by'amabuye y'agaciro**

Ibrombe bicukurwamo amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza bigomba kugenzurwa hakurikijwe amahame shingiro n'uburyo akorehwa nk'uko ateganywa mu gitabo cy'amabwiriza cya ICGLR ku buziranenge no mu bitabo ngenderwaho by'gihugu bikomoka ku mabwiriza ya ICGLR ku buziranenge. Umukozi wa Leta ubifitiye ububasha agomba kugenzura buri kirombe cy'amabuye y'agaciro mu Rwanda nibura rimwe mu mwaka, akagenzura niba mine yubahiriza amahame shingiro nk'uko ateganywa mu gitabo cy'amabwiriza ya ICGLR ku buziranenge.

Igenzura ry'ikirombe cy'amabuye y'agaciro rigomba kugira ibisabwa mu gushyirwa mu cyiciro cy'ibara ritukura; icyiciro cy'ibara

All minerals to be exported from Rwanda must have the certificate of origin. All minerals imported into Rwanda from another State and subsequently exported shall be classified as re-exports.

**Article 3: Mine Site Inspections**

Mine sites producing Designated Minerals shall be inspected according to the standards and procedures outlined in the ICGLR Certification Manual and the national reference documents derived from the ICGLR Certification Manual. An authorized government agent shall inspect each mine site in Rwanda at least once per year, and verify that the mine site is in conformity with the regional mine site standards as set out in the ICGLR Certification Manual.

The mine site inspection shall include ICGLR red- and yellow-flag standards as well as progress criteria. As a result of the mine site

un certificat de la CIRGL.

Tous les minerais destinés à être exportés doivent avoir un certificat d'origine. Tous les minerais importés au Rwanda à partir d'un autre Etat et par la suite exportés doivent être classés comme réexportation.

**Article 3: Inspections des sites miniers**

Les sites miniers produisant des minerais désignés doivent être inspectés selon les normes et procédures énoncées dans le Manuel de certification de la CIRGL et les documents nationaux de référence issus du manuel de certification de la CIRGL. Un agent autorisé du gouvernement doit inspecter chaque site minier au Rwanda au moins une fois par an, et vérifier que le site minier est en conformité avec les normes régionales sur les sites miniers comme indiqué dans le manuel de certification de la CIRGL.

L'inspection du site minier doit comprendre les normes de la CIRGL des cotes rouge et jaune ainsi que des critères de progrès.



ry'umuhondo n'ibikurikizwa mu kuzamurwa mu ntera. Nyuma y'igenzura, ikirombe cy'amabuye y'agaciro kizemererwa gukorera (mu cyiciro cy'ibara ry'icyatsi), mu cyiciro cy'ibara ry'umuhondo cyangwa niba nta buziranenge cyemerewe (icyiciro cy'ibara ry'umutuku).

Ibirombe by'amabuye y'agaciro byubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge ya ICGLR yose uko yakabaye byemererwa ubuziranenge (bishyirwa mu cyiciro cy'ibara ry'icyatsi).

Ibirombe by'amabuye y'agaciro byemerewe ubuziranenge (biri mu cyiciro cy'ibara ry'icyatsi), byemerewe gucukura amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza kandi iyoherezwa ryayo mu mahanga rihabwa ubuziranenge. Ibirombe by'amabuye y'agaciro bitubahiriza Ihame shingiro rimwe cyangwa menshi ari mu cyiciro cy'ibara ry'umuhondo nk'uko atondetse mu gitabo cy'amabwiriza ya ICGLR ku Buziranenge bishyirwa mu cyiciro cy'ibara ry'umuhondo. Ibi birombe bihabwa igihe cy'amezi atandatu (6) yo gukosora amakosa yose yaba yaratumye bitubahiriza ibisabwa no gusaba ko byakongerwa gukorerwa igenzura.

Ibirombe biri mu cyiciro cy'ibara ry'umuhondo byemererwa gukomeza gucukura amabuye y'agaciro nk'aho bifite

inspection, the mine site shall be designated Certified (green-flagged), Yellow-flagged, or Un-Certified (red-flagged).

Mine sites that are in complete conformity with ICGLR standards shall be declared Certified (green-flagged).

Certified mine sites (green-flagged sites) are permitted to produce Designated Minerals for Certified Export. Mine sites that are in non-conformity with one or more of the Yellow-flag standards listed in the ICGLR Certification Manual shall be declared Yellow-flagged. Yellow-flagged mine sites have six months in which to correct whatever issues put the mine in non-conformity, and to request and receive a follow-up mine site inspection.

Mine sites that are Yellow-flagged are permitted to continue producing Designated Minerals for Certified Export while they

Comme résultat de l'inspection du site minier, le site minier doit être désigné Certifié ( coté vert), coté Jaune, ou non-certifié (coté rouge).

Les sites miniers qui sont en complète conformité avec les normes de la CIRGL doivent être déclarés certifiés (cotés vert).

Les sites miniers certifiés (sites cotés vert) sont autorisés à produire des minerais destinés à l'exportation certifiée. Les sites miniers qui sont en non-conformité à une ou plusieurs des normes de la cote jaune énumérées dans le manuel de certification de la CIRGL doivent être déclarés cotés jaune. Les sites miniers cotés jaune ont une période de six (6) mois pour rectifier les situations ayant mis la mine en non-conformité, doivent demander et recevoir une inspection de suivi de la mine.

Les sites miniers cotés jaune sont autorisés à continuer de produire des minerais destinés à l'exportation certifiée alors qu'ils corrigent les



ubuziranenge ari nako bikosora ibitarubahirijwe byo muri icyo cyiciro.

Iyo ikirombe cyo mu cyiciro cy'ibara ry'umuhondo kidashoboye gukosora amakosa yagaragaye mu igenzura cyangwa ngo gisabe gukorerwa irindi mu gihe cy'amezi atandatu (6) kibura ubuziranenge (gishyirwa mu cyiciro cy'ibara ritukura).

Ikirombe kitubahiriza ibigenderwaho byaba byinshi cyangwa kimwe byo mu cyiciro cy'ibara ritukura nk'uko atondekanije mu gitabo cy'amabwiriza ya ICGLR ku buziranenge yitwa ko itagira ubuziranenge (ishyirwa mu cyiciro cy'ibara ritukura). Mine zitigeze zikorerwa igenzura mu gihe kirenze umwaka nazo zifatwa nk'izidafite ubuziranenge.

Ibirombye byose bidafite ubuziranenge bihagarikirwa gucukura amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza mu gihe cy'amezi atandatu (6).

Mu mpera z'aya mezi atandatu (6), ikirombe gishobora gusaba gukorerwa igenzura bundi bushya. Nyir'ikirombe cyangwa ugikoreramo ashobora kujuririra ibyavuye mu igenzura ashingiye ku mabwiriza yo kujurira nk'uko agaragara mu gitabo cy'amabwiriza ya ICGLR ku buziranenge.

correct the yellow-flag violations.

Yellow-flagged mine sites that fail to effect corrections and pass a follow up mine site inspection within the six (6) month period are declared Un-Certified (red-flagged).

Mine sites that are in non-conformity with one or more of the Red-flag standards listed in the ICGLR Certification Manual shall be declared Un-Certified (red-flagged). Mine Sites that have not been inspected for more than one year shall also be declared Un-Certified.

Un-Certified mine sites are barred from producing Designated Minerals for Certified Export for a period of six (6) months.

At the end of this six (6) month period, the mine site may request a new mine site inspection. Mine site owners or operators may appeal the findings of a mine site inspection, as per the appeal procedures delineated in the ICGLR Certification Manual.

violations aux normes de la cote jaune.

Les sites miniers cotés jaune qui échouent de corriger la situation et qui ont été inspectés pour suivi dans une période de six (6) mois après l'inspection précédente sont déclarés non-certifiés (cotés rouge).

Les sites miniers qui ne sont pas en conformité avec une ou plusieurs des normes cote rouge énumérées dans le manuel de certification de la doit CIRGL doivent être déclarés non-certifiés (coté rouge). Les sites miniers qui n'ont pas été inspectés depuis plus d'un an doivent également être déclarés non-certifiés.

Les sites miniers non-certifiés sont empêchés de produire des minerais destinés à l'exportation certifiée pour une période de six (6) mois.

A la fin de cette période de six (6) mois, le site minier peut demander une nouvelle inspection de suivi. Les propriétaires ou les exploitants du site minier peuvent interjeter appel contre des conclusions d'une inspection du site minier, selon les procédures de recours définies dans le manuel de certification de la CIRGL.

**Ingingo ya 4: Inkomoko n'itwarwa ry'amabuye y'agaciro**

Amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza agomba gutwarwa hakurikijwe amahame shingiro ku ikurikirana n'irindwa ry'amabuye y'agaciro nk'uko ateganijwe mu gitabo cy'amabwiriza cya ICGLR ku buziranenge. Amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza atwawe hanze y'imbago z'ahafitiwe uruhushya rwo gucukura (ahacukurwa n'imbago z'ahafitiwe uruhushya) bigomba guherekezwa n'inyandiko, utumenyetso n'izindi nyandiko zigaragaza inkomoko y'amabuye y'agaciro atwawe. Utumenyetso, n'izindi nyandiko biherekeje ayo amabuye bigomba kugaragaza inkomoko nyakuri y'amabuye y'agaciro atwawe; ni ukuvuga ko utumenyetso, cyangwa inyandiko bigomba kugaragaza neza uburyo amabuye y'agaciro yakurikiranwe, yarinzwe ku birebana n'iyubahirizwa ry'ubuziranenge bwayo kuva ku kirombe aho acukurwa kugeza aho yoherezwa, hakubiyemo n'intera zose yanyuzemo.

**Ingingo ya 5: Uburyo bwo kohereza mu mahanga n'itangwa ry'ubuziranenge bwa ICGLR**

Amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza agomba koherezwa mu mahanga hakurikijwe

**Article 4: Traceability and Transport of Minerals**

Designated Minerals shall be transported according to the chain of custody standards outlined in the ICGLR Certification Manual. Designated Minerals transported outside licensed mining areas (Concession and Permit perimeters) must be accompanied by records, tags or other documentation that shows the source mine for the minerals being transported. The tags, records or documentation accompanying consignments of Designated Minerals must provide full traceability for the minerals being transported; that is, the tags, records or documentation must be able to show the full chain of custody of the minerals, from the mine site to the point of export, including any intermediate steps.

**Article 5: Export and ICGLR Certification Procedures**

Designated Minerals shall be exported according to the standards and procedures

**Article 4: Traçabilité et transport des minerais**

Les Minerais concernés doivent être transportés conformément aux normes de la chaîne de possession décrites dans le manuel de certification de la CIRGL. Les Minerais concernés transportés hors des zones minières sous licence (concessions et périmètres possédant des permis miniers) doivent être accompagnés d'enregistrements, d'étiquettes ou d'autres documents qui montrent la mine d'origine des minerais transportés. Les étiquettes, enregistrements ou documents accompagnant l'envoi des minerais désignés doivent fournir une traçabilité totale pour les minerais qui sont transportés, c'est-à-dire que les étiquettes, les enregistrements ou les documents doivent être en mesure de montrer toute la chaîne de possession des minerais, de la mine au point d'exportation, y compris les étapes intermédiaires.

**Article 5: Procédures d'exportation et de certification de la CIRGL**

Les minerais concernés doivent être exportés selon les normes et les procédures décrites

ibipimo ndengerwaho n'uburyo biteganywa mu gitabo cy'amabwiriza cya ICGLR ku buziranenge, ibi ntibireba amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza yatumiye mu mahanga agomba kongera koherezwa kandi akaba adateganyirijwe icyemezo cya ICGLR nk'uko biteganywa n'ingingo ya 2 y'aya mabwiriza. Mbere yo guhabwa icyemezo cya ICGLR cy'ubuziranenge ku mabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza, yoherezwa mu mahanga, umukozi wa Leta agomba kugenzura ibyoherezwa mu mahanga n'impapuro zibiherekeje, akagenzura ko:

- (a) amabuye y'agaciro yose arebwa n'aya mabwiriza yacukuwe muri mine yahawe ubuziranenge ( yashyizwe mu cyiciro cy'ibara ry'icyatsi) cyangwa mu cyiciro cy'ibara ry'umuhondo. Amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza ashobora no kuba yaravanywe mu kindi gihugu kiri muri ICGLR afa kuba afite icyemezo cya ICGLR cy'ubuziranenge. Amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza ntagomba guturuka mu kinombe kidafite ubuziranenge ( iri mu cyiciro cy'ibara ritukura);
- (b) uwohereza amabuye mu mahanga agomba kuba afite impapuro zisobanura mu buryo burambuye uburyo amabuye y'agaciro yakurikiranwe, yarinze kuva acukurwa cyangwa atumizwa kugeza yoherezwa mu mahanga;

outlined in the ICGLR Certification Manual. This does not apply to Designated Minerals to be re-exported and not eligible for an ICGLR Certificate as per Article 2 of these instructions. Before issuing an ICGLR Certificate to an export shipment of Designated Minerals, a government official must inspect the shipment and its accompanying documentation, and verify that:

- (a) All of the Designated Minerals were sourced from a Certified (green-flagged) or Yellow-flagged mine site. Designated Minerals may also be sourced from imports from other Member States of the ICGLR, provided those imports were accompanied by an ICGLR Certificate. Designated Minerals may not be sourced from an Un-certified (red-flagged) mine site;
- (b) The exporter has traceability documentation showing full chain of custody of all of the Designated Minerals from the mine site or point of importation to the point of export;

dans le manuel de certification de la CIRGL. Ceci ne concerne pas les minerais destinés à la réexportation et non-éligibles pour un certificat de la CIRGL comme stipulé à l'article 2 de cette instruction. Avant de délivrer un certificat de la CIRGL à une cargaison à l'exportation des minerais désignés, un agent de l'Etat doit inspecter la cargaison et les documents qui l'accompagnent, et vérifier que:

- (a) tous les minerais concernés ont été extraits d'un site minier certifié (coté vert) ou coté jaune. Les Minerais désignés peuvent également être d'origine d'importations en provenance d'autres États membres de la CIRGL, à condition que ces importations fussent accompagnées d'un certificat de la CIRGL. Les Minerais concernés ne peuvent provenir d'un site minier non-certifié (coté rouge);
- (b) L'exportateur dispose d'une documentation montrant la traçabilité de la chaîne complète de possession de tous les minerais concernés de la mine ou de point d'importation au point d'exportation;

(c) Uwohereza we ubwe ntagomba kuba adafite ubuziranenge (ari mu cyiciro cy'ibara ritukura).

Abohereza bafite ubuziranenge (bari mu cyiciro cy'ibara ry'cyatsi) cyangwa icy'ibara ry'umuhondo nibo bonyine bahabwa icyemezo cyo kohereza mu mahanga.

Igihe umukozi wa Leta anyuzwe n'ibisabwa muri (a),(b), na (c) ko ari iby'ukuri agomba kuzaza no gusinya icyangombwa cy'ubuziranenge cya ICGLR. Umukozi wa kabiri wa leta ufite uburenganzira bwo gusinya ku cyemezo cya ICGLR yongera kureba impapuro yanyurwa agashyira umukono ku cyemezo cya ICGLR cy'ubuziranenge.

Icyo cyemezo cya ICGLR kigira agaciro mu gihe cy'amezi atandatu (6). Uwohereza amabuye mu mahanga yomekaho n'icyo cyemezo cya ICGLR ari nacyo gituma ibyoherejwe mu mahanga bigira ubuziranenge.

### **Ingingo ya 6: Ibyemezo bya ICGLR**

Ibyemezo bya ICGLR bigomba gukorwa kandi bigatangwa na Leta y'u Rwanda hakurikijwe ibipimo ngenderwaho n'uburyo biteganywa mu gitabo cy'amabwiriza cya

(c) The exporter is not itself Un-Certified (red-flagged).

Only Certified (green-flagged) or Yellow-flagged exporters may receive ICGLR Certificates for their exports.

If the government official is satisfied that conditions (a), (b), and (c) are true, they should fill in and sign the ICGLR Certificate. A second government official, authorized to sign ICGLR Certificates, should then review the documentation and, if satisfied, countersign the ICGLR Certificate.

The ICGLR Certificate then becomes valid for a period of six (6) months. The exporter then attaches the ICGLR Certificate to the export shipment, which then becomes a Certified Export.

### **Article 6: ICGLR Certificates**

ICGLR Certificates shall be produced and issued by the Rwandan Government, according to the standards and procedures outlined in the ICGLR Certification Manual.

(c) l'exportateur n'est pas lui-même non-certifié (coté rouge).

Seuls les exportateurs certifiés (coté vert) ou coté jaune peuvent recevoir des certificats pour leurs exportations.

Si l'agent de l'Etat est convaincu que les conditions (a), (b) et (c) sont vrais, il doit remplir et signer le certificat de la CIRGL. Un second fonctionnaire du gouvernement, autorisé à signer les certificats de la CIRGL, devrait alors examiner la documentation et, s'il est satisfait, contresigner le certificat de la CIRGL.

Le certificat de la CIRGL devient alors valide pour une période de six (6) mois. L'exportateur attache ensuite le certificat de la CIRGL à la cargaison d'exportation, qui devient alors une exportation certifiée.

### **Article 6: Les certificats CIRGL**

Les Certificats de la CIRGL doivent être produits et délivrés par l'Etat Rwandais, selon les normes et les procédures décrites dans le manuel de certification de la CIRGL.

*Official Gazette n° 17 of 23 April 2012*

ICGLR ku buziranenge. Ibyemezo bya ICGLR bigomba kuba biteye kandi birimo amakuru akurikira:

ICGLR Certificates shall contain the following features and information:

Les Certificats de la CIRGL doivent contenir les éléments et renseignements suivants:

1° izina ry'igihugu gitanze icyemezo;

1° the name of the issuing country;

1° le nom du pays émetteur;

2° inimeru yihariye iranga icyemezo;

2° a unique serial number identifying the Certificate;

2° un numéro particulier d'identification du certificat;

3° Izina, aderesi yemewe mu mategeko na aderesi y'uwohereza mu mahanga we ubwe n'andi makuru yose asabwa ku mwirondoro w'uwohereza;

3° the name, legal address and physical address of the exporter, as well as any other information required to identify the exporter;

3° le nom, l'adresse officielle et l'adresse physique de l'exportateur, ainsi que toute autre information nécessaire pour identifier l'exportateur;

4° amazina, aderesi y'uwatumije mu mahanga n'andi makuru yose yakenerwa mu kumumenya;

4° the name, legal address and physical address of the importer, as well as any other information required to identify the importer;

4° le nom, l'adresse officielle et l'adresse physique de l'importateur, ainsi que toute autre information nécessaire pour l'identifier;

5° inimeru yihariye y' uwoherereje mu mahanga cyangwa nimeru y'ibyasabwe koherezwa mu mahanga;

5° the exporter's unique lot number or export order number for the lot/shipment;

5° le numéro particulier du lot de l'exportateur ou le numéro de la commande destinée à l'exportation pour le lot / la cargaison;

6° ibisobanuro by'amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza harimo ubwoko bw'amabuye y'agaciro, ubwiza bwa yo, ibiro n'icyiciro by'ibipakiwe;

6° a description of the Designated Minerals, including the type of ore or concentrate, weight and grade of the lot/shipment;

6° une description des minerais concernés, y compris le type de minerai ou de concentré, le poids et la catégorie du lot /de la cargaison;

7° izina ry'aho amabuye y'agaciro aturutse (izina ry'igihugu cyangwa "bihuriweho" igihe amabuye

7° the national origin of the material (either name of country, or "mixed" in the case of lots containing material

7° l'origine nationale des minerais (soit le nom du pays, ou «mixte» dans le cas des lots contenant des minerais

*Official Gazette n° 17 of 23 April 2012*

y'agaciro avanze aturutse mu bihugu bibiri cyangwa byinshi);	from two or more nations mixed together);	mélangés provenant de deux ou plusieurs nations);
8° agaciro k'ibyoherejwe;	8° the value of the lot/shipment;	8° la valeur du lot / de la cargaison;
9° igihe byoherejweho;	9° the date the lot is shipped;	9° la date d'envoi du lot;
10°inzira bizacamo n'ikigo gishinzwe kubitwara (kiramutse kizwi);	10°the shipment route and the transport company responsible for transporting the shipment, if known;	10°l'itinéraire d'acheminement et la société de responsable du transport de la cargaison, si elle est connue;
11°ikigo cya Leta gitanga icyemezo, izina, urwego rw'umurimo na numero y'irangamuntu(ibonetse) by'umukozi uhagarariye Leta, wagenzuye impapuro ziherekeje ibyoherezwa mu mahanga akanemeza ko hatangwa icyemezo cy'ubuziranenge cya ICGLR;	11°the Government issuing authority and the name, position and identification number (where available) of the government representative responsible for verifying the documentation associated with the export and recommending the issuance of an ICGLR Certificate;	11°l'autorité gouvernementale émettrice et le nom, le poste et l'identification (si possible) du représentant du gouvernement chargé de vérifier la documentation associée à l'exportation et de la recommandation pour émission d'un certificat de la CIRGL;
12°itariki ibyoherezwa byagenzuriweho n'uhagarariye Leta;	12°the date the lot is verified by the Government representative;	12°la date où le lot est vérifié par le représentant du gouvernement;
13°izina n'umukono by'uhagarariye Leta wahawe ububasha bwo kugenzura no gushyira umukono ku cyemezo cya ICGLR kugira ngo kigire agaciro;	13°the name and signature of the government representative empowered to countersign the ICGLR Certificate to render it valid;	13°le nom et la signature du représentant du gouvernement habilité à contresigner le certificat de la CIRGL pour le rendre valide;
14° itariki icyemezo cya ICGLR cyashyiriweho umukono (agaciro kacyo gatangirira kuri iyi tariki);	14°the date that the ICGLR Certificate is countersigned (the certificate is valid from this date);	14°la date à laquelle le certificat de la CIRGL est contresigné (le certificat est valable à partir de cette date);

15° itariki icyemezo kizarangiriraho cyangwa igihe icyemezo kimara gifite agaciro.

15° the date that the Certificate expires, or the validity period of the Certificate.

15° la date à laquelle le certificat expire, ou la période de validité du certificat.

Byongeye buri cyemezo cya ICGLR kigomba kuba gifite umutwe “Icyemezo cy’Inama Mpuzamahanga ku Karere k’Ibiyaga Bigari” n’amagambo akurikira: aya mabuye yacukuwe, acuruzwa kandi yoherezwa mu mahanga byubahirije ibipimo ngenderwaho bya ICGLR”.

Additionally, each ICGLR Certificate shall bear the title “International Conference on the Great Lakes Region (ICGLR) Certificate” and the following statement: “The minerals/metals in this lot have been mined, traded and handled in accordance with the requirements of the ICGLR standards”.

De plus, chaque certificat de la CIRGL portent le titre de «Certificat de la Conférence Internationale sur la Région des Grands Lacs (CIRGL)» et la déclaration suivante: «Les minerais / métaux dans ce lot ont été extraits, échangés et traités conformément aux exigences des normes de la CIRGL”.

Buri cyemezo cya ICGLR kigomba gucapwa mu ndimi zombi icyongereza n’igifaransa. Izindi ndimi zishobora kongerwaho.

Each ICGLR Certificate shall be printed in both English and French. Additional languages may be added.

Chaque certificat de la CIRGL doit être imprimé en anglais et en français. Des langues supplémentaires peuvent être ajoutées.

**Ingingo 7: Kugenzura umutungo w’abohera amabuye mu mahanga bikoze n’abagenzuzi bigenga**

**Article 7: Third Party Audits of Exporters**

**Article 7: Audits des exportateurs par des auditeurs indépendants**

Abohera mu mahanga amabuye y’agaciro arebwa n’aya mabwiriza bagomba kugenzurwa hakurikijwe ibipimo ngenderwaho n’uburyo biteganywa mu gitabo cy’ amabwiriza ku buziranenge cya ICGLR.

Exporters exporting Designated Minerals shall be audited according to the standards and procedures outlined in the ICGLR Certification Manual.

Les exportateurs exportant des minerais concernés doivent être audités selon les normes et les procédures décrites dans le manuel de certification de la CIRGL.

Umugenzuzi w’umutungo wigenga wemejwe na komite y’igenzura ya ICGLR agomba kugenzura umuntu wese wohera amabuye y’agaciro mu mahanga nibura rimwe mu

A Third Party Auditor accredited by the ICGLR Audit Committee shall perform an audit on each exporter at least once per year, and verify that the exporter is in conformity

Un auditeur indépendant accrédité par le Comité d’Audit de la CIRGL doit effectuer une vérification à chaque exportateur au moins une fois par an, et vérifier que



mwaka, akagenzura niba yubahiriza ibipimo ngenderwaho byo mu karere nk'uko bigaragara mu gitabo cy'amabwiriza ku buziranenge cya ICGLR.

Uwo mugenzuzi wemejwe na komite y'igenzura ya ICGLR agomba guhitamo zimwe muri mine zigemurira uwohereza amabuye mu mahanga nk'uko biteganywa mu gitabo cy'amabwiriza cya ICGLR ku iyubahirizwa ry'ubuziranenge, akagenzura ibyavuye mu igenzura rya mine.

Uwohereza amabuye mu mahanga afite inshingano zo gushaka no guhamba umugenzuzi w'umutungo wigenga kimwe n'ikurikirana ry'amagenzura yabaho. Mu bivuye mu igenzura uwohereza amabuye mu mahanga ashobora guhabwa icyemezo cy'ubuziranenge (ashyizwe mu cyiciro cy'ibara ry'icyatsi), icy'ibara ry'umuhondo cyangwa ntabwo icyemezo cy'ubuziranenge (ashyizwe mu cyiciro cy'ibara ritukura).

Abohereza amabuye mu mahanga bubahirije ibipimo ngenderwaho bya ICGLR byose bagomba kwemererwa ubuziranenge (gushyirwa mu cyiciro cy'ibara ry'icyatsi).

Abohereza amabuye mu mahanga bahawe ubuziranenge bemerewe gucukura amabuye

with the regional standards as set out in the ICGLR Certification Manual.

The Third Party Auditor shall also audit a representative sample of mine sites supplying the exporter, as defined in the ICGLR Certification Manual, to verify national mine site inspection results.

It is the responsibility of the exporter to commission and pay for the Third Party Audit, as well as any follow-up audits. As a result of the Third Party Audit, the exporter shall be designated Certified (green-flagged), Yellow-flagged, or Un-Certified (red-flagged).

Exporters that are in complete conformity with ICGLR standards shall be declared Certified (green-flagged).

Certified exporters (green-flagged exporters) are permitted to produce Designated Minerals

l'exportateur est en conformité avec les normes régionales énoncées dans le Manuel de Certification de la CIRGL.

L'auditeur indépendant doit également auditer un échantillon représentatif des sites miniers qui approvisionnent l'exportateur, tels que définis dans le Manuel de Certification de la CIRGL, afin de vérifier les résultats nationaux de l'inspection des sites miniers.

Un exportateur de minerais a la responsabilité de chercher et de payer l'audit indépendant, ainsi que tous les audits de suivi. Comme résultat de l'audit indépendant, l'exportateur est désigné certifié (coté vert), coté jaune ou non-certifié (coté rouge).

Les exportateurs qui sont en complète conformité avec les normes de la CIRGL doivent être déclarés certifiés (cotés vert).

Les Exportateurs certifiés (exportateurs cotés vert) sont autorisés à produire des minerais

y'agaciro kugira ngo yoherezwe mu mahanga afite ubuziranenge. Abohereza hanze batubahirije rimwe cyangwa menshi mu mahame yo mu cyiciro cy'ibara ry'umuhondo nk'uko agaragara mu gitabo cy'amabwiriza ya ICGLR ku buziranenge atangazwa ko ashyizwe mu cyiciro cy'ibara ry'umuhondo. Abari mu cyiciro cy'ibara ry'umuhondo bahabwa igihe cy'amezi atandatu (6) yo gukosora ibyo batubahirije kandi bagashaka ubakurikiranira akanarangiza igenzura ryo ku ruhande rwa gatatu.

Abohereza mu mahanga bari mu cyiciro cy'umuhondo bemerwa gukomeza kwohereza mu mahanga amabuye y'agaciro bireba ari nako bakosora amakosa yakozwe mu iyubahirizwa ry'amahame yo mu cyiciro cy'ibara ry'umuhondo. Iyo Uwohereza amabuye y'agaciro mu mahanga wo mu cyiciro cy'ibara ry'umuhondo ananiwe gukosora amakosa kandi ngo akurikirane amagenzura yo ku ruhande rwa gatatu mu gihe cy'amezi atandatu atangazwa nk'utemerewe ubuziranenge (ashyirwa mu cyiciro cy'ibara ritukura).

Abohereza amabuye y'agaciro mu mahanga bananiwe kubahiriza rimwe cyangwa amahame menshi yo mu cyiciro cy'ibara ritukura nk'uko biteganywa mu gitabo cy'amabwiriza ya ICGLR ku buziranenge

for Certified Export. Exporters that are in non-conformity with one or more of the Yellow-flag standards listed in the ICGLR Certification Manual shall be declared Yellow-flagged. Yellow-flagged exporters have six (6) months in which to correct whatever issues put the exporter in non-conformity, and to commission and complete a follow-up Third Party Audit.

Exporters that are Yellow-flagged are permitted to continue Certified Exports of Designated Minerals while they correct the yellow-flag violations. Yellow-flagged exporters that fail to effect corrections and pass a follow up Third Party Audit within the six month period are declared Un-Certified (red-flagged).

Exporters that are in non-conformity with one or more of the Red-flag standards listed in the ICGLR Certification Manual shall be declared Un-Certified (red-Flagged).

destinés à l'exportation certifiée. Les exportateurs qui sont en non-conformité à une ou plusieurs des normes de la cote jaune énumérées dans le Manuel de Certification de la CIRGL doivent être déclarés cotés jaune. Les exportateurs cotés jaune ont six (6) mois pour corriger les faits les ayant conduits en non-conformité, et de commander et compléter un audit de suivi par des tiers.

Les exportateurs cotés jaune sont autorisés à continuer les exportations certifiées de minerais concernés alors qu'ils corrigent les violations à la cote jaune. Les exportateurs cotés jaune qui échouent d'effectuer des corrections et de passer un audit de suivi indépendant durant une période de six mois sont déclarés non-certifiés (cotés rouge).

Les exportateurs qui ne sont pas en conformité avec une ou plusieurs des normes de la cote rouge énumérées dans le Manuel de Certification de la CIRGL doivent être déclarés non certifiés (cotés rouge).

bagomba gutangazwa ko nta buziranenge bafite (bashyirwa mu cyiciro cy'ibara ritukura).

Abohereza amabuye y'agaciro mu mahanga batigeze bagenzurwa mu gihe kirenze umwaka umwe nabo bagomba gutangazwa ko badafite ubuziranenge.

Abohereza amabuye y'agaciro mu mahanga badafite ubuziranenge ntibemerewe kohereza mu mahanga mu gihe cy'amezi atandatu (6), iyo kirangiye uwohereza amabuye y'agaciro mu mahanga ashobora gusaba gukorerwa igenzura ryigenga.

Uwohereza amabuye y'agaciro mu mahanga ashobora kujurira ibyavuye mu igenzura ryigenga nk'uko biteganywa mu gitabo cy'amabwiriza ya ICGLR ku buziranenge.

**Ingingo ya 8: Amakurushingiro n'ikurikiranwa ry'amabuye y'agaciro yo mu karere**

Hashingiwe ku bipimo ngenderwaho n'uburyo buteganywa mu gitabo cy'amabwiriza ya ICGLR ku buziranenge, urwego rushinzwe ubucukuzi mu Rwanda rugomba kugira amakuru shingiro ku birombe by'ubucukuzi n'amakurushingiro ku bohereza amabuye y'agaciromu mahanga.

Exporters that have not been audited for more than one year shall also be declared Un-Certified.

Un-Certified exporters are barred from exporting Certified Exports for a period of six (6) months at the end of which the exporter may commission a follow up Third Party Audit.

Exporters may appeal the findings of a Third Party Audit, as per the appeal procedures delineated in the ICGLR Certification Manual.

**Article 8: Databases and Regional Mineral Tracking**

In accordance with the standards and procedures of the ICGLR Certification Manual, mining authorities in Rwanda shall create a Mine Site Database, and a Database of Exporters.

Les exportateurs qui n'ont pas été audités depuis plus d'un an doivent également être déclarés non certifiés (cotés rouge).

Les exportateurs non-certifiés sont empêchés d'exporter des exportations certifiées pour une période de six (6) mois. A la fin de cette période de six mois, l'exportateur peut commander un audit indépendant.

Les exportateurs peuvent interjeter appel contre des conclusions d'un audit indépendant, selon les procédures de recours définies dans le manuel de certification de la CIRGL.

**Article 8: Bases de données et de suivi régional des minerais**

En conformité avec les normes et les procédures du manuel de certification de la CIRGL, les autorités chargées des mines au Rwanda doivent créer une base de données des sites miniers et une base de données des exportateurs.

Leta y'u Rwanda ishobora gukora amakurushingiro ku ikurikiranwa ry'amabuye y'agaciro. Amakurushingiro ku birombe by'amabuye y'agaciro agomba kugaragaragaza uko buri kirombe gihagaze hakurikijwe ibyiciro by'ubuziranenge; ikiri mu cyiciro cy'ubuziranenge, icyiciro cy'umuhondo n'icyiciro kitemerewe ubuziranenge.

Amakurushingiro ku bohereza mu mahanga agomba kubamo buri wese wohera mu mahanga amabuye arebwa n'aya mabwiriza uba mu Rwanda hakurikijwe icyiciro cy'ubuziranenge, icy'umuhondo n'icyiciro kitemerewe ubuziranenge kuri buri muntu wese wohera mu mahanga.

Amakurushingiro ku ikurikirana ry'amabuye y'agaciro agomba kugira inyandiko irambuye: ku musaruro w'amabuye y'agaciro arebwa kuri buri kirombe kiri mu Rwanda, ayagarishijwe, ayaguzwe n'ayanyuze ku mipaka y'urwanda; amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza yoherejwe aturutse mu Rwanda n'abohereza amabuye mu mahanga batuye mu Rwanda, andi mabarurishamibare ku makuru y'umusaruro, ubucuruzi n'iyoherezwa mu mahanga ry'amabuye y'agaciro arebwa n'aya mabwiriza mu Rwanda.

The Rwanda Government may also create a Mineral Tracking Database. The Mine Site database shall contain the entire active mine sites in Rwanda producing Designated Minerals, along with the status – Certified, Yellow-flagged, Un-certified – of each mine site.

The Database of Exporters shall contain all of the exporters in Rwanda who export Designated Minerals, along with the status – Certified, Yellow-flagged, Un-certified – of each exporter.

The Mineral Tracking Database shall contain detailed records on: the production of Designated Minerals at each mine site in Rwanda; the sale, purchase and transport of Designated Minerals within the borders of Rwanda; the export from Rwanda of Designated Minerals by each exporter located in Rwanda; other statistics and information on the production, trade and export of Designated Minerals in Rwanda.

L'Etat Rwandais peut également créer une base de données de suivi des minerais. La base de données des sites miniers doit contenir l'ensemble des sites miniers actifs au Rwanda produisant des minerais concernés, avec le statut - Certifié, Coté jaune, Non-certifiés - de chaque site minier.

La Base de données des exportateurs doit contenir tous les exportateurs au Rwanda qui exportent des minerais concernés, avec le statut - Certifié, Coté jaune, Non-certifiés - de chaque exportateur.

La base de données de suivi des minerais doit contenir des données détaillées sur: la production de minerais concernés à chaque site minier au Rwanda, la vente, l'achat et le transport des minerais concernés sur le territoire du Rwanda; les exportations en provenance du Rwanda des minerais concernés par chaque exportateur situé au Rwanda; autres statistiques et informations sur la production, le commerce et l'exportation de minerais concernés au Rwanda.

Mu koroshya umurimo wa ICGLR ku iyubahirizwa ry'ubuziranenge mu karere, ibigize amakurushingiro kuri mine, amakurushingiro ku bohereza amabuye mu mahanga n'amakurushingiro ku ikurikiranwa ry'amabuye y'agaciro bigomba kumenyeshwa byose uko byakabaye ku gihe gihoraho ubunyamabanga bwa ICGLR.

**Ingingo va 9: Umugenzuzi wigenga wa ICGLR w'uruherekane rw'amabuye y'agaciro**

Hashingiwe ku bipimo ngenderwaho n'uburyo biteganywa mu gitabo cy'amabwiriza y'ubuziranenge cya ICGLR, Umugenzuzi Wigenga wa ICGLR ku ruhererekane rw'amabuye y'agaciro (IMCA) ahabwa ububasha bwo gukoresha iperereza ryigenga ku nzira imwe cyangwa nyinshi z'uruherekane rw'amabuye y'agaciro mu gihugu icyo ari cyo cyose kiri muri ICGLR.

Ubuyobozi bw'u Rwanda bugomba gutanga uburenganzira mbere na nyuma y'uko bumenyeshwa imiterere n'ubwoko bw'iperereza.

Abayobozi ba Guverinoma y'u Rwanda, abohereza amabuye y'agaciro mu mahanga, amasosiyete cyangwa amakoperative by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

To facilitate the regional mineral tracking function of the ICGLR Regional Certification Mechanism, the contents of the Mine Site Database, Database of Exporters, and Mineral Tracking Database shall be shared in their entirety on a regular basis with the ICGLR Secretariat.

**Article 9: ICGLR Independent Mineral Chain Auditor**

In accordance with the standards and procedures of the ICGLR Certification Manual, the ICGLR Independent Mineral Chain Auditor (IMCA) is empowered to conduct independent investigations of any or all parts of the mineral chain in any of the ICGLR Member States.

The Rwandan authorities commit to grant permission to all investigations by the IMCA after being fully informed as to the nature and scope of the investigations.

Rwandan Government authorities, exporters, mining companies or cooperatives, and all others involved in the production, trade, or transport of minerals, or regulation of the

Pour faciliter la fonction de suivi régional des minerais du Mécanisme Régional de Certification de la CIRGL, les contenus de la base de données des sites miniers, de la base de données des exportateurs, et de la base de données de suivi des minerais doivent être partagés dans leur intégralité sur une base régulière avec le Secrétariat de la CIRGL.

**Article 9: Auditeur Indépendant de la Chaîne des Minerais de la CIRGL**

En conformité avec les normes et les procédures du manuel de certification de la CIRGL, l' Auditeur Indépendant de la Chaîne des Minerais de la CIRGL (AICM) est habilité à mener des enquêtes indépendantes sur tout ou partie de la chaîne des minerais dans l'un des États membres de la CIRGL.

Les autorités du Rwanda devront lui accorder une autorisation avant et après avoir été pleinement informées de la nature et de l'objet de l'enquête.

Les autorités gouvernementales Rwandaises, les exportateurs, les sociétés ou les coopératives minières, et tous les autres impliqués dans la production, le commerce,

n'abandi bose barebwa n'umusaruro, ubucuruzi, ubwikorezi by'amabuye y'agaciro, amategeko y'ubucuruzi mu Rwanda bagomba kugira imikoranire n'umugenzuzi wigenga w'uruhererekane rw'amabuye y'agaciro (IMCA).

**Ingingo ya 10: Kwemererwa kugura no gucuruza amabuye y'agaciro**

Nta muntu wemerewe kugura cyangwa gucuruza amabuye y'agaciro atanditse mu bitabo by'ubucuruzi.

**Ingingo ya 11: Gufungura ahacururizwa amabuye y'agaciro**

Uretse abafite uburenganzira bwo gucukura amabuye y'agaciro bemewe kandi byamenyeshejwe Minisiteri ifite ubucuruzi mu nshingano zayo, umuntu cyangwa ishyirahamwe ryifuza kugura no gucuruza amabuye y'agaciro rigomba kwandikira Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze rimusaba uruhushya rwo gufungura ahagurirwa hakanacururizwa amabuye y'agaciro, akanasobanura ubwoko bw'amabuye y'agaciro azacuruza.

Imirimo y'ubucuruzi itangira uruhushya rwa Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) rwabonetse no kubyemererwa

mineral trade in Rwanda shall extend their full cooperation to the IMCA.

**Article 10: Permission to buy and to sell minerals**

No one is allowed to purchase or sell mineral substances without commercial registration.

**Article 11: Opening a mineral trading center**

Apart from those with mining licenses recognized by the Ministry of Trade and Industry (MINICOM) as also involved in trading, a person or a company that wishes to buy or sell minerals must apply to the Minister of Commerce requesting for permission to trade in the same, clearly specifying the type of mineral(s).

Trading activities shall begin after the Ministry of Commerce and Industry (MINICOM) has given the permission and

le transport, ou la réglementation du commerce des minerais au Rwanda doivent apporter leur pleine coopération à l'AICM.

**Article 10: L'Autorisation d'achat et de vente des minerais**

Nul n'est autorisé d'acheter ni de vendre des minerais s'il n'est enregistré au registre de commerce.

**Article 11: Ouverture du comptoir d'achat et vente des minerais**

Exception faite aux titulaires de titres miniers agréés et dont le Ministère ayant le commerce dans ses attributions (MINICOM) est dûment informé, toute personne physique ou morale désirant exercer l'activité d'achat et de vente des minerais ou des pierres précieuses doit adresser au Ministre ayant le commerce dans ses attributions, une demande d'autorisation d'ouverture d'un comptoir d'achat et de vente des minerais, spécifiant les types de minerais ou de pierres précieuses qui l'intéressent.

Les activités de commerce ne commencent qu'après l'autorisation du Ministère du Commerce et de l'Industrie (MINICOM)

n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Umutungo Kamere mu Rwanda/ ishami rya cya Jewoloji na Mine (RNRA/GMD).

**Ingingo ya 12: Inyemezabwishyu**

Uwaguze amabuye y'agaciro agomba kuba afite Inyemezabwishyu y'aho yayaguze kandi amabuye y'agaciro yemerewe gucuruzwa ni agaragaza aho yacukuwe gusa hakurikijwe ibipimo ngenderwaho bya ICGLR mu ikurikirana n'irindwa ry'amabuye y'agaciro. Kandi mine ayo mabuye yacukwemo ikaba itari mu cyiciro cy'ibara ritukura nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3 y'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 13: Ahacururizwa amabuye y'agaciro**

Ahacururizwa amabuye y'agaciro hagenwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Umutungo Kamere mu Rwanda, Ishami rya Jewoloji na Mine.

**Ingingo ya 14: Raporo y'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro**

Abacuruzi b'amabuye y'agaciro bagomba gukora raporo buri kwezi z'ibyaguzwe n'ibyagurishijwe zikoherezwa Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) bakagenera kopi Minisiteri y' Umutungo

the Rwanda Natural Resources Authority/ Geology and Mines Department (RNRA/GMD) has given its consent.

**Article 12: Payment voucher**

The buyer of minerals must possess a payment voucher from the seller. Purchasing of Designated Minerals in Rwanda is restricted to those consignments where the source mine is known through the ICGLR chain of custody standards, and the respective mine site is not red-flagged as per Article 3 of this instruction.

**Article 13: Mineral trading centers**

The mineral trading centers are designated by the Rwanda Natural Resources Authority, Geology and Mines Department.

**Article 14: Mineral trading report**

Mineral traders must submit to the Ministry of Trade and Industry (MINICOM) monthly reports of total purchases and sales, with copies to the Ministry of Natural Resources (MINIRENA) and to the Rwanda Natural

après avis du Département de Géologie et des Mines (RNRA/GMD) de l'Agence Rwandaise des Ressources Naturelles.

**Article 12: Justificatif de paiement**

L'acheteur de minerais concernés doit posséder un bon de paiement établi par le vendeur. Seuls peuvent être achetés les minerais désignés dont la mine source est connue à travers les normes de la chaîne de possession de la CIRGL et le site minier n'est pas classifié comme coté rouge selon l'article 3 de cette instruction.

**Article 13: Comptoirs d'achat et vente des minerais**

Les comptoirs d'achat et vente des minerais sont désignés par l'Office Rwandais des Ressources Naturelles, Département de la Géologie et des Mines.

**Article 14: Rapport sur le commerce des minerais**

Les commerçants des minerais doivent soumettre au ministère du Commerce (MINICOM) des rapports mensuels du total des achats et des ventes, avec copie au ministère des Ressources Naturelles et à



Kamere (MINIRENA) n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe umutungo kamere Ishami rya Jewoloji na Mine (GMD).

Resources Authority/ Geology and Mines Department (GMD).

l'Office Rwandais des Ressources Naturelles, Département de Géologie et des Mines (GMD).

**Ingingo ya 15: Amabuye y'agaciro yafatiwe muri forode**

**Article 15: Fraudulent minerals**

**Article 15: Minerais en fraude**

Amabuye y'agaciro ya forode ni amabuye y'agaciro arebwa adaherekeje n'impapuro zabugenewe zigaragaza uko amabuye y'agaciro yakurikiranwe n'uburyo yarinzwe.

Fraudulent minerals are Designated Minerals not accompanied by adequate chain of custody documentation as per Article 4.

Les minerais frauduleux sont des minerais désignés non accompagnés par la documentation adéquate de la chaîne de possession.

Amabuye y'agaciro afatiwe muri forode n'inzeho zishinzwe umutekano cyangwa abakozi b'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) azashyikirizwa Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Umutungo Kamere mu Rwanda, ishami rya Jewoloji na mine (GMD) na cyo kikazita ku burinzi bw'ayo mabuye kandi gifatanyije n'ubundi buyobozi bireba kikazakora ibisabwa byose mu gukemura icyo kibazo.

Fraudulent minerals will be impounded by the security services or the Rwanda Revenue Authority (RRA) and will be handed to the Rwanda Natural Resources Authority/ Geology and Mines Department (GMD), which will take custody of the impounded minerals and under consultations with relevant authorities initiate further steps as required.

Les minerais pris en fraude par les services de sécurité ou l'Office Rwandais des Recettes (RRA) sont remis à l'Office Rwandais des Ressources Naturelles, Département de Géologie et des Mines (GMD) qui assure la garde des minerais pris en fraude et en consultation avec les autorités compétentes initie d'autres étapes nécessaires.

**Ingingo ya 16: Ibihano byo kutubahiriza aya mabwiriza**

**Article 16: Sanctions for breaking these regulations**

**Article 16: Sanctions en cas de violation des présentes Instructions**

Umuntu wese ufatiwe mu bucuruzi bw'amabuye y'agaciro mu buryo bwa forode azahanishwa ibihano biteganywa n'ingingo ya 103 y'Itegeko n° 37/2008 ryo ku wa 11/08/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

Anybody caught in fraudulent mineral trade shall be subject to sanctions provided by Article 103 of Law n° 37/2008 of 11/08/2008 on mining and quarry exploitation.

Quiconque sera pris en fraude de minerais sera puni par les peines prévues par l'article 103 de la Loi n°37/2008 du 11/08/2008 portant exploitation des mines et des carrières.

**Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranye na yo zivanyweho.

**Ingingo ya 18: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni yashyiriweho umukono.

Kigali, kuwa 28/03/2012

(sé)

**KAMANZI Stanislas**  
Minisitiri w'Umutungo Kamere  
**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 17: Repealing provision**

All prior regulations contrary to this Instruction are hereby repealed.

**Article 18: Commencement**

These regulations shall come into force on the date of their signature.

Kigali, on 28/03/2012

(sé)

**KAMANZI Stanislas**  
Minister of Natural Resources  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice / Attorney General

**Article 17: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures et contraires aux présentes instructions sont abrogées.

**Article 18: Entrée en vigueur**

Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur signature.

Kigali, le 28/03/2012

(sé)

**KAMANZI Stanislas**  
Ministre des Ressources Naturelles  
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux